# KAMARAMPAKA

Ikinyamakuru cyigenga gisohoka kabiri mu kwezi B.P. 2140 KIGALI
No 15 Taliki ya 7/4/1993 100 FRW

# MILITA HABYARIMANA ASEZEYE ATINZE ARIKO ARASEZEYE

**MILITA HABYARIMANA ASEZEYE ATINZE ARIKO ARASEZEYE**

Inkuru ikomeye muri iki gihe mu gihugu ni isezera ry'Ikinani ku buyobozi bwa MRND. Abenshi bemeza ko asezeye atinze ariko asezeye ntakirapfa. Nk'uko itoranywa ry'ababurugumesitiri riherutse kuba ryabyerekanye MRND iracyafite abarwanashyaka benshi. Ndetse nta gushidikanya ko ikiri ku isonga. Ku makomini 42 yagombaga gutora ababurugumesitiri, MRND yegukanye 16 na MDR yegukana 16. MRND yerekanye ko ari ishyaka ry'igihugu cyose kuko ku maperefegitura 10 yakorewemo amatora yabonye imyanya mu ma perefegitura 8 yose, MDR ikurikiyeho iyibona mu maperefegitura 6, P.S.D iyibona muri za perefegitura 2 gusa naho P.L. iyibona muri perefegitura imwe gusa.

MRND yerekanye ko ifite amaperefegitura 5 irushamo andi mashyaka imbaraga bidasubirwaho naho MDR yerekana abiri gusa. PSD na P.L. byerekanye ko induru yabo nta shingiro ifite kuko bafite imyanya mike kandi bahuriramo n'ariya y'ibihangange twavuze haruguru.

Ikindi ni uko uretse itorwa ry'ababurugumesitiri Ikinani kugeza na n'ubu kiracyahagaze neza sinzi niba hari ushobora kumuhangara mu matora. Habyarimana rero agiye rigihagaze neza. Umutego wo mu Ruhengeri na Gisenyi niwo wari urihitanye ariko ubanza nawo rizashobora kuwusimbuka.

Kugeza ubu ishyaka rye ntiryashoboye kwiregura ngo rigaragaze ko imvururu zabaye ku Gisenyi nta ruhare MRND yazigizemo. Nyamara ni uko abarwanashyaka ba MRND basinziriye iyo bashishoza neza bari gusanga ziriya mvururu zarateguwe n'Inkotanyi kugirango zibone uko zigaba igitero zemeze ya masezerano akocamye y'Arusha.



**KUKI IKINANI CYEGUYE?**

Uretse gukabya ibyo bintu byasabwe cyera. Ndetse na bamwe mu barwanashyaka ba MRND bakabyifuza ariko bakabangumirwa no mu KAZU. Kuba yari Perezida wa MRND wasangaga nta cyemezo ishyaka ryafataga kubera gutinya ko azabihindura. Amashyaka ahanganye na MRND buri gihe yumvaga abarwanashyaka ba MRND bisararanga bakabaseka cyane kuko bazi neza ko Ikinani kitaravuga ijambo rya nyuma. Mu mayeri bakinyurira ku bazungu kugirango bazagitegeke kwemera ishyaka ritabizi. Rimwe na rimwe Ikinani kigafata ibyemezo binyuranye n'ibyo ishyaka ryafashe. Ikindi wasangaga utazi aho MRND itegekerwa niba ari mu ishyaka cyangwa mu Kazu.

Ibyo rero noneho bivuyeho. Bizatuma kandi Perezida ashobora gufata icyemezo gikurikizwe n'abanyarwanda bose. MRND nayo igiye kwisanzura kuburyo ishobora no kuzajya yanga ibyemezo by'ubwoba by'Ikinani. Ikindi ishyaka niryitwara neza n'Ikinani muri iyi nzibacyuho yaguye abanyamahanga bazarushaho gushyigikira MRND nk'andi mashyaka.

**NINDE UZASIMBURA IKINANI**

Nta muntu n'umwe ugaragara cyane uzashobora gusimbura Ikinani. Ariko abavugwa ni Ngirumpatse Matayo uretse ko abantu babona ko agumye mu mwanya w'ubunyamabanga arimo aribyo ngirakamaro kuko n'ubundi imirimo yose y'ishyaka ariho ikorerwa. Undi batekereza ni Bizimungu Casimir. Ni umusore ushyitse kandi udatinya gufata ibyemezo uzashsobora guhangana na Rukokoma na Mugenzi uretse ko atazashobora kuba umushumba. Hari kandi abavuga ko agiye kwiga. Undi bavuga ni Munyazesa. Ariko afite ikibazo cya Matayo Ngirumpatse kuko badashobora kwikubira imirimo ari abanyakigali bombi. Ikindi afite ibibazo n'abanyakazu bamwe bamurwanya. Undi utekerezwa ni Ntagerura ariko ntashabutse cyane kandi i Cyangugu ni kure cyane y'ibirindiro by'ishyaka byiganje cyane mu maperefegitura atanu yegeranye. Hari n'abavuga Muvoma Habimana. Uwo mugabo uretse ko atanabakundira ariko mu barwanashyaka ba MRND bashaka ko ibintu bihinduka nawe ni umugabo w'ibitekerezo bikomeye cyane ariko ararwaye ahubwo abantu baribaza niba nawe atazegura vuba ku mwanya wa Visi-Perezida wa kabiri igihe amatora azaba agiye kuba.

Ibyo aribyo byose hari abasore bashakwa mu ishyaka amazina yabo usanga abantu bayavuga nka Runyinya Barabwiriza, Mugiraneza Prosper w'i Kibungo, na Gasana na Ngirabatware.

Imyanya y'ubu visi perezida haravugwa amazina ya Rwagafilita, Ruzindana, Karemera, Ndalihoranye na Madamu Mukakabego wo ku Gikongoro. Amatora ni amatora dutegereze. Gusa kwegura kwa Kinani ntibizaviremo ishyaka gusinzira cyangwa guterana amagambo n'amacakubiri nk'uko bimeze mu yandi mashyaka menshi. Ikinani kiragenda gitangaza abantu kirekura buhoro buhoro ubona ko cyemera Demokarasi ku buryo ahubwo ubona demokarasi nke n'igitugu bisigaye mu yandi mashyaka kandi bigenda bifata indi ntera.

*La rédaction*

Scanned by CamScanner

**N° 1038/04.17.02**

**Inyandiko-mvugo y'inama y'umutekano ya Komini Murambi yateranye kuwa 09 Ukwakira 1990 yohererejwe Prefe wa Prefegitura Byumba, kuwa 10.10.1990**

**I. <u>Abagize akanama k'umutekano</u>**

1. GATETE Jean Baptiste
   Burugmestri
2. MUSABENDE Julienne
   Fonctionnaire Assistant Ushinzwe Ubutegetsi, Politiki n'Ubucamanza
3. BINGWENZARE Manassé
   Prezida wa Kanto Murambi
4. HATEGEKIMANA Alphonse, I.P.J.
5. MUNYAKAZI François
   Brigadier
6. SERAMUKA Sylvain
   Ushinzwe S.R. Ngarama
7. NYAKATSI Saïd
   Conseiller wa Kiramuruzi
8. RWILILIZA Augustin
   Conseiller wa Ndatemwa
9. MUSONI Augustin
   Conseiller wa Kiburara

**II. <u>Abayitumiwemo</u> Abajyanama ba Komini**

1. KAREKEZI Augustin
   Conseiller wa Segiteri Gakenke
2. MUNYABUHORO P.Claver
   Conseiller wa Segiteri Gakoni
3. RWABUGANDE Mathias
   Conseiller wa Segiteri Gikoma
4. KAMALI Gaspard
   Conseiller wa Segiteri Kiziguro
5. MUNYANEZA Phénéas
   Conseiller wa Segiteri Mbogo
6. SEBUTSURE Augustin
   Conseiller wa Segiteri Murambi
7. NZABANDORA J.Népo
   Conseiller wa Segiteri Murambi
8. SEBAHAYE Ananias
   Conseiller wa Segiteri Nyabisindu
9. GAKWAYA Célestin
   Conseiller wa Segiteri Rubona
10. BIZIMUNGU Jean
    Conseiller wa Segiteri Rugarama
11. NKUBANA Jérôme
    Conseiller wa Segiteri Rwimitereli

**III. <u>Icyemezo cy'inama</u>**

Inama y'umutekano yafashe icyemezo cyo gushyikiriza inzego z'ubutegetsi abantu b'abanzi baturutse hanze y'Igihugu kimwe n'ibyitso biri muri Komini Murambi. Umwirondoro wabo, n'ibyo baregwa bikubiye ku mugereka uherekeje iyi nyandiko.

Bikorewe i Murambi, kuwa 10.10.1990

Burugumestri wa Komini Murambi
GATETE Yohani Batista.-

<u>Bimenyeshejwe</u>:
* Commandant w'Ikigo cy'Ingabo z'u Rwanda i <u>BYUMBA</u>
* Bwana S/Prefe wa S/Prefegitura <u>NGARAMA</u>


Ibikunkira Urup. 2

Par la correspondance annexée, vous découvrirez que je suis parmi les défenseurs du respect de la personne humaine.

Avec un grand espoir que vous me permettrez de me justifier, je vous prie d'agréer, l'expression de mon soutien indéfectible et espère que vous essayerez de vous fixer dans une impartialité parfaite, pour mieux défendre les droits de tout le monde.

Député RUCAGU Boniface

U Rwanda rugizwe na guverinoma ebyili, iya Nsengiyaremye niya Kanyarengwe. Muli iyi minsi Nsengiyaremye amaze iminsi atoresha aba burugumesitiri bo muri guverinoma ye.
Kanyarengwe nawe amaze iminsi ashyashyana ayobora amanama yo gushyiraho abategetsi, tumaze kumenya ko Komine Nkumba yayigabaniiemo amakomine atatu, a a, Nyamugali nayo bamaze kuyiha Burugumesitiri mushya ariko nagateganyo ngo akaba aliwe KALISA.
Turabamenyesha kandi ko ubu Buligadiye wa Komini Nkumba inkotanyi zamuhaye ubutegetsi ku ngufu nawe ngo ali muhasilikare bakomeye. Komine Cyeru bayihaye uwitwa Gashugi



**ABATUTSI SI ABANTU**
**(Les tutsis ne sont pas Bantous)**

Kuva intambara yatera kuya 01/10/1990 amarorerwa abatutsi bakoze arenze ukwemera: bafashe abagore ku ngufu, babaga ababyeyi batwite babarisha abana babo, bahambira abantu amaboko babamena impanga n'udufuni... abo bose bakaba abasivili b'inzirakarengane. Iyo ushubije amaso inyuma mu mateka y'u Rwanda usanga ubugome nk'ubwo aribwo bwabaranze: ngizo za Ruhuga, ngibyo ibinyita kuri Karinga. Ibyo byose iyo ubyitegereje neza ukabitindaho usanga abatutsi nta mutima wa kimuntu bagira. Ahubwo usanga ari inyamaswa zisa n'abantu. Turasaba rero abashakashatsi kudutangariza vuba iby'izo nyamaswa kugirango abantu bashobore kuzirinda kuko ibuye ryagaragaye... Bitabaye ibyo rero zitumazeho abantu!



Kolonali NSABIMANA

Inkotanyi mu RUHENGERI zaragakoze






Scanned by CamScanner

# BABANGAMWABO MULI SONARWA

**BA BANGAMWABO MURI SONARWA**
**"Genda SONARWA ubyiruye abagambanyi"**

Umukozi aruta Zahabu y'isi yose, utari umukozi arutwa na Zahabu y'isi yose!
SONARWA bayigendaho cyane kandi akenshi usanga ari ba Bangamwabo, biyibagiza ko SONARWA ari yo ibabeshejeho. Yego ni iya MUJYAKERA ariko se?

Mbere yo kwambara umwambaro wawe kugirango uhishe ubwambure bwawe banza wambarire urulimi, irinde impuha, irinde udutsiko tugambanira abandi, niba ufite ishyaka wiryambika ishyano wigira inshyomotsi ngo aha urashaka gusenya SONARWA.

BA RUSOFERI bari muri SONARWA nibo bagiye kuzayita ku gasi kandi akenshi usanga aribo birirwa basiga verini ku nzara z'intoki n'iz'ibirenge dore ko benshi muribo ari imfura (ubwoko bw'Imana) ushobora kubatungura wababaza akazi kabo bakakayoberwa.

Akenshi kubera kwiheba kwabo bantu ubasangana n'umushiha. Niba Berthilde aretse umushiha ntashihe abagana SONARWA ndetse n'abakozi bakorana SONARWA ntiyaba ICYAMAMARE; Reka KANTENGWA Véneranda we ubanza umushiha ariwo wamuteranije n'umugabo byose bigira imvano.

Mbaze MUJAWAMALIYA Jeanne, afite amaso meza ukuntu asa na bike bimwe by'imfura niba yari azi icyo akora byashimisha benshi, SONARWA yaba urwererane.

Hari abazi rero banibeshya cyane ko URWANDA ruzahinduka Anglophone, bo bamara kwisiga bya gipfura dore ko inzara zabo zihora zibengerana, barangiza bakajya mu bitabo by'ibyongereza bagakora izo devoirs kugirango batazarushwa na bene wabo, ese data babanje bakiga no kwandika igifaransa! Ibyo muzabibaze uwitwa K.Im. wirukanwe mu ngwizamurongo za ELECTROGAZ yewe SONARWA ni S.O.S. koko!

Muka RUGENERA Betty KITENGE ntabwo ari UTEXRWA niryo zina rye, we ak'abazayirwa ntikabura dore ko ari n'impurirane y'imfura ivanze n'umuzayirwa; yiyemeje kwiyumvisha ko abatari abakombozi atari abantu va ku giti dore umuntu.

Hari na NDOLI utari RUGANZU usibye ko ari mwene wabo, bose bavukana isunzu, agira agasuzuguro kavanze n'umushiha, asuzugura kurusha imbwebwe, aretse kujandajanda bya gipfura yaba umukozi namugira inama yo kutazakomeza kuba Barihima. SONARWA genda ufite abibone benshi UWERA Béatrice se uramusiga he? Ko we yiyemerera ko ari ikirenga mu bakobwa; hari abavuze ngo ibizungerezi nibikomere ku ibanga nitutabijyamo se? Aho ntibizakamira mu kitoze cyangwa bigakama ikimasa?

SONARWA ifite abakozi yagombye gushora ibishanga kuko imikorere yabo itanogera na rimwe abayigana. Yego umukobwa aba umwe agatukisha bose!

Nawe reba nk'ushinzwe Relations Publiques ariwe MUKAMANA Fébronie kwigisha abana biramunaniye dore ko mu ngwizamurongo z'abarimu yarimo, none abonye ubuhungiro muri SONARWA ati "reka nze mbereke" kuregaguzwa ku bakozi abigira intego, gushiha abatugana (SONARWA) abyimiriza imbere.

Reka HAKIZIMANA we ni wa muntu wigira nyoni nyinshi, usanga yiyoroshe uruhu rw'intama kandi ari ikirura.

Hari uwitwa UHAWIMPUNDU Cécile alias MUKECURU ni nyamujyiyobijya intego ze ni nk'iza shitani; kubogama, guhimana, gutukana, ubushobozi buke kubera uburwayi bwa buri munsi, ubusambo mu kugura imfashanyo z'abavanywe mu byabo n'intambara.

MUKAMPOGAZI Alias KINONO, umugambanyi kabombo wigira nyoninyinshi agira inda yamusumbye, ishyari rye riruta iry'umwana waharitswe, akarimi ke karareshya kandi umurozi mu bandi. Ahaa, Thérèse rwose tuza duturane ureke kuregana no kwikoma abo mudasangiye ishyano nako ishyaka.

Dore intsinzi y'ibyo byose. SONARWA igomba kubasubiza mu myanya yabo, ubuhake bugasimbuzwa ubufatanye, kwisiga verini bigasimburwa no gufatirwa ibihano.

Mfura mwe, Bizungerezi, turashaka ko muva ku izima mukareka ubunyanda intego y'IMBONEZAMIRIMO ZA SONARWA ikaba "UBUFATANYE" maze Isosiyete yacu igakomeza ikaba UMUTAMENWA. Sinon muzakomeza mutyo muzaba aka Barihima.

SONARWA irarambye kandi irasagambye, nibyo koko ifite abayobozi b'inararibonye. Bayobozi, nimwegere abo mushinzwe kuyobora mwumve ibibazo byabo, uruciye munsi ntamenya....., nimutavugana ntimuzamenya icyo bahatse, wasanga kandi babahishe rya banga ryabo rizwi na bake.

Bayobozi tuziko harimo za Rusoferi zigamije kworeka imbaga ya rubanda-nyamwinshi, abo bagambanyi ngo bifuza ko SONARWA yayoborwa na bene wabo boshye muri twese abayikoramo hari uwayishoyemo imigabane; abo bantu nimutabitondera, ahaa, Nsengimas azabereka aho abera akaga k'umuvuzi w'amatungo, bikaba byaramugaje na Politiki ye ishingiye ku kurengera ikiremwa cy'ikirenga GOGWE aho yarengeye NDUGANGARI.
Ibi mbivugiye ko nawe atoteza rubanda-nyamwinshi nkamwe mwese mukunda URWANDA n'ibikorwa tumaze kugeraho n'UMUTAMENWA W'INGABO Y'ISULI urimo, mbivuze ndanguruye ijwi rirenga nti "Muhuze umugambi, Mpuzamugambi, kuko mutari abagambanyi.

Umusomyi wa Journal KAMARAMPAKA
KAMANZI Laurent

# MWITEGURE IKINDI GITERO CY'INKOTANYI

Turamenyesha Ingabo ko zigomba guhora zili maso, kuko umwanzi atarava kwizima. Tumaze kumenya ko inkotanyi zishaka gutera zikanyura iy'ibirunga zigakomeza zikikije iy'ishyamba, zigafata KARAGO, aliko zikilinda gufata ikigo cya MUKAMIRA, maze zikahashyira ibiro, aliko zimwe zigasigara zikorera muli Komini Mukingo, izindi nanone zigaturuka i Byumba ho muli TUMBA zikazatera ali igihiriri zili kumwe n'abaturage kuburyo abasilikare bacu bazabura uko bazirasa kuko zizaba zivanze n'abaturage.

**I BURUNDI;** Haravugwa ko haba hali Inkotanyi ibihumbi bibili byaba birekereje gutera bakabikulikilira hafi bemeza ko zishobora gutera ziturutse i Butare cyangwa i Bugesera, abenshi bemeza i Butare ngo kuko Inkotanyi zili gukubita agatoki ku kandi ngo zirashaka kugera i Gitarama zishakire baba Palimehutu ba mbere ngo babanze babakanire urubakwiye ngo nibo babahungishije, ndetse bakaba balikwije n'amasambu yabo.
Nyiramatwiyumva... Uko amakuru akomeza kutugeraho, atubwira ko i Burundi haba hali abandi 1000 bitorezayo ngwaliko kuberako ikiro cy'ibigoli kigura 120 balimo kwaka imfashanyo mu Rwanda, ndetse abenshi bemezako Lando imfashanyo zo guha Impunzi yaba azinyereza akazoherereza abo bitoreza mu Burundi.

*** ABAJURA BITABIRIYE UTUNIGI MURI IYI MINSI**

Muri iyi minsi abajura bo mu mugi wa Kigali barakabije. Baraza bakegera umugore bacunze akanigi ke, bakamubwira buhoro bati ntuvuge ntagutera ubusembwa! Bati "zana ijosi" bagafungura akanigi ka zahabu bakigendera uko bisanzwe nyamugore agasigara yimyiza imoso.



Scanned by CamScanner